22110551

International Baccalaureate®
Baccalauréat International
Bachillerato Internacional

**KINYARWANDA A1 – STANDARD LEVEL – PAPER 1**
**RWANDA A1 – NIVEAU MOYEN – ÉPREUVE 1**
**KINYARWANDA A1 – NIVEL MEDIO – PRUEBA 1**

Wednesday 11 May 2011 (morning)
Mercredi 11 mai 2011 (matin)
Miércoles 11 de mayo de 2011 (mañana)

1 hour 30 minutes / 1 heure 30 minutes / 1 hora 30 minutos

---

INSTRUCTIONS TO CANDIDATES

- Do not open this examination paper until instructed to do so.
- Write a commentary on one passage only. It is not compulsory for you to respond directly to the guiding questions provided. However, you may use them if you wish.

INSTRUCTIONS DESTINÉES AUX CANDIDATS

- N'ouvrez pas cette épreuve avant d'y être autorisé(e).
- Rédigez un commentaire sur un seul des passages. Le commentaire ne doit pas nécessairement répondre aux questions d'orientation fournies. Vous pouvez toutefois les utiliser si vous le désirez.

INSTRUCCIONES PARA LOS ALUMNOS

- No abra esta prueba hasta que se lo autoricen.
- Escriba un comentario sobre un solo fragmento. No es obligatorio responder directamente a las preguntas que se ofrecen a modo de guía. Sin embargo, puede usarlas si lo desea.



4 pages/páginas

© International Baccalaureate Organization 2011

https://xtremepape.rs/

*Gira icyo wandika kuri* ***umwe gusa*** *mu myandiko ibiri wahawe:*

**1.**

**ABAHANUZI B'AMAHORO**

Mu gihuru gikongoka
Ntitwemera ubuhanuzi
Biraruhije kwemera ijwi
Ry'abahanuzi muri iki gihe
Ngo barashaje cyane mama we

Ngo cyangwa ni bato cyane
Baramugaye nk'inyoni zapfuwe amababa
Cyangwa yenda baragoye nubwo
Atari nk'abasizi b'uruhanika
Erega barazira ko bakwetuye ibirenge

Niyo bateze ingofero ntawugira icyo
Abapimira cyaba igiceri cyangwa ikindi
Ntanubacira akarurutega ngo abagirire
Impumpwe zimwe za kibyeyi
Kubera ibisa n'ubusazi bafite usanga

Bahora bivugisha byo kwiheba
Baba basubira mu maganya yabo
Si ukubara inkuru z'ubuzima bwabo
Bubagoye cyane rwose maze kakahava
Ibyo kandi bigamije kuba babona umugati

Nyamara usanga bashyize hamwe
Kurusha n'ibyakwihanganirwa
Ubwigunge bwabo burenze urugero
Bagenda nk'amabarwa acuritse
Bazenguruka mu midugudu n'imijyi

Ubanza batazi no kwisabira agakiza
Nyamara bagamije kutuburira
Kutuburira twe twamunzwe n'ikibi
Twe twonona isi nziza tuyicamo
Imirwi burwi y'Abera n'Abirabura

Bahanga mu byiza n'ibibi
Ni gute twababurira ngo muhinduke
Nimureke ikibi gitsinde icyiza
Mukure inkota amahoro aganze
Aganze aganze ku isi yose



https://xtremepape.rs/

Nimwumve ijwi ryacu twebwe turi
Abahanuzi b'ukuri twabonye byinshi
Turi abasizi ntuturi abasazi
Turi abigisha b'amahoro n'urukundo
Turi abahanuzi b'ibihe byose.

H Mukamana, *Imyijima igira ukubiri*, Kigali (2007)

– Gira icyo uvuga ku mutwe w'uyu muvugo ndetse no ku cyo umariye igice gisigaye cyawo.

– Wavuga iki ku buryo umuhanzi ataka umurimo ukorwa n'abasizi n'abahanuzi mu muryango ndetse n'uburyo akoresha ururimi?

– Gira icyo uvuga ku buryo umusizi akoresha ikeshamvugo muri uyu muvugo.

– Gira icyo uvuga ku buryo uyu muvugo wubatse.



https://xtremepape.rs/

**2.**

Kera habayeho umugabo w'umuhigi agakomoka ku Murenge wo mu misozi ya Wata. Uwo muhigi yitwaga Ahunjo. Nta mwana yagiraga, kandi ari we ari n'umugore we bari bazima, ariko ntibabasha kubyara akana na kamwe. Ahunjo yari umuhigi ukomeye, urusha abandi bose guhiga. Ntiyari yarigeze na rimwe ava guhiga adatahanye inyamaswa nyinshi mu ruhago rwe rw'abahigi. Kuko iyo yarekuraga isasu rimwe cyangwa umwambi umwe yashoboraga gutahana inyamaswa ebyiri ndetse eshatu icyarimwe.

Umunsi umwe uwo mugabo w'akataraboneka yagiye guhiga hafi y'umurenge yari atuyemo. Amaze gutera intambwe ibihumbi bine yarabutswe inyamaswa zikiniraga mu bihuru no hagati y'ibiti. Inyamaswa zimaze kumva imirindi ye zahise zihunga zose zerekeza inzira bigaragara ko zari zisanzwe ziyizi neza. Ni bwo nyamuhigi azikurikiye. Ariko noneho uko yegera inyamaswa muri metero nke ni ko ikintu kitagaragara cyazigizagayo muri metero nyinshi. Ni uko ibintu byari biteye ubwo yagiraga atya akabona ahanganye n'imwe mu nyamaswa imuhagaze imbere neza. Ntiyazuyaza ararasa, inyamaswa ayihamya mu mutima ariko ntiyapfa ahubwo izimirira mu kobo gato nk'aho igitangaza kibaye.

Bwari ubwa mbere kuva yaba umuhigi ibyo bintu bimubaho. Biramutangaza. Nuko yibuka ko afite impigi mu ruhago rwe rw'umuhigo; arayifata ayambara ku kuboko ku ibumoso. Hanyuma avuga amagambo ayitongera ananyanyagiza agafu gake ku muhondo iruhande rwe kugira ngo yirinde imyaku. Hanyuma mu kanya haza igicu cy'ibinyugunyugu, cy'inyoni n'icy'inyamaswa z'ubwoko bwose byuzura aho. Mbega ukuntu byari byiza! Gikeri nyamabondo itangira kugonga iti "cro-cra, cro-cra, cro-cra...", hanyuma haza inkubi y'umuyaga ivunagura ibiti aho hose. Nuko nyamuhigi atamika kurasa maze arategereza.

Hashize akanya gato Ikimana kinini cyane kiba kiraserutse mu rusaku rwinshi ruteye ubwoba. Umuhigi abonye cya kimana yitura hasi araraba. Ikimana kirabanza kiritotomba kibona kwatura mu ijwi rinini kiti "kuki umpigira abana? Ntuzi ko aba ari abana banjye?" Umuhigi ati "Nyamununi nyagasani, ntunzwe no guhiga, mpiga inyamaswa ngo mbone icyo kurya n'icyo kugaburira abanjye. Sinari nzi ko rwose ko aba ari abana bawe." Ikimana cyamutegetse kwicara ku mubyimba w'inzoka yumva asa n'uwicaye ku gatebe nyagatebe maze ahita yibagirwa ko yicariye inzoka y'impiri. Ikimana gihita giha uwo muhigi urubyaro. Aratunga aratunganirwa. Kuva ubwo Ahunjo agira abana benshi, na n'ubu Imirenge ya Wata yuzuye abana n'ubuzukuru b'Ikimana Boyiro.

P Musana, *Boyiro Ikimana gitanga urubyaro*, Editions Bakame, Kigali (2002)

– Imikururano n'ihutazanya byigaragaza gute muri iyi nkuru?

– Gira icyo uvuga ku buryo umwanditsi akoresha ururimi iyo agaragaza umurimo wo guhiga uvugwa mu nkuru.

– Ni ubuhe bugeni bw'ururimi umwanditsi akoresha iyo ashaka guteza amarangamutima mu musomyi?

– Ni ubuhe buryo umwanditsi akoresha iyo amurika Ahunjo mu nkuru?



https://xtremepape.rs/